# *IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAMU JEANNETTE KAGAME*

**Mu Isengesho ry'Abayobozi Bakiri Bato – Young Leaders Prayer Breakfast**

**KU WA 31 KANAMA 2025**
**KIGALI**

**Rwanda Leaders Fellowship,**

**Young Leaders,**

**New and seasoned couples,**

**Distinguished guests,**

**Mwaramutse!**

- Nishimiye kubana namwe uyu munsi, tuzirikana agaciro ko kubaka umuryango uhamye, kandi tunibukiranya inshingano zacu twese zo kuwusigasira.
- Ndashimira ubuyobozi bwa **Rwanda Leaders Fellowship** kubera iki gikorwa ngarukamwaka kitubera umwanya mwiza wo guhura no kuganira ku nshingano dufite nk'abayobozi, mu kwimakaza indangagaciro zubahisha Imana mu buyobozi '**Instilling Godly Values in Leadership'**.
- Nagira ngo mbashimire kuba mwaratekereje ko isengesho ryacu ndetse n'ibiganiro by' uyu munsi byerekeza ku murage mwiza wo kubaka umuryango ushoboye kandi utekanye, kuko twemera ko umuryango ari umusingi, itorero n'igihugu byubakiraho.

**Bavandimwe dusangiye imyemerere,**

Ntitwabura guhangayikishwa n'ibihe turi kunyuramo, aho isi yimitse kwireba, kwikunda bifata indi ntera, aho inyungu z'imiryango (community muri rusange) bitagifite umwanya, Aho umuntu yahindutse 'ntibindeba'. Inda, ubunyamaswa, n'izindi ngeso mbi zose zikabyuririraho. Bigatuma za ndangagaciro z'umuryango, ibanga ry'abashakanye, ubwitange butizigama bitagihabwa agaciro.

**Dear guests,**

It would be pretentious if I said that for every marriage and every family to be perfect, I can offer a guarantee, a promise, an unbeatable advice…so before I go any further, allow me to offer it up to Imana y'u Rwanda in this prayer:

**Dear Heavenly Father,**

- We thank You for the gift of family, and for the blessing of gathering in Your presence. We pray that every home here may be filled with love that is patient, unity that endures, and wisdom that grows stronger through trials.
- Father, we ask that You bless every couple here, with the courage to nurture something greater than oneself, and to make that choice, again and again, in our homes as in our communities.
- After all, how could we ever forget? There was a time when families were torn apart, when bonds were broken and the soil of our fertile land ironically seemed barren. Yet You, Lord,

restored possibility out of loss. You taught us the preciousness of family through the pain of its absence. May we never forget this lesson, and may we always guard our families as treasures from You.

- Dear Lord, teach spouses to be advocates for one another, to recognize not only their strengths but also their imperfections with compassion. Remind us that neglect does not always arrive with loud conflict but can slip quietly into the days when we stop paying attention; let us beware! For such busy lives we all lead, such conflicting priorities we must tend to all.
- The **Rwandan woman** attempts to juggle substantial responsibility, and personal accomplishment with admirable grace. Pardon my bias….but I have borne witness to this myself. You deserve your flowers.
- The **Rwandan man** strives to carry his family's good name, the peace and principles of their home, the promise of a family's future and lifelong security, with humility and poise. Once more, I have been blessed to have witnessed this myself, and you too deserve your flowers.
- Still. What a loaded plate for us all! So, how do we make the space to ensure our significant others, our families, also feel our affection and emotional support…not just by reaping the benefits of our efforts, but through our mere, loving presence.
- Lord, we ask that through the whirlwind of life, you keep us attentive, patient, and willing to serve!

**(PAUSE)**

- Lord, we pray that our children grow into compassionate and responsible leaders, governed by faith and love. May our homes shape them into the clearheaded, principled and compassionate people they are meant to become.
- We thank You, Father, for hearing this prayer.

**Bless our families, bless our rebuilding nation, and bless the generations to come. Amen!**

**Babyeyi kandi Bayobozi bacu bakibyiruka,**

- Urugo ni u Rwanda ruto!
- Urugo kandi ni Ijuru rito!
- N'umwana w'Imana yavukiye mu muryango.
- By'umwihariko mwe mukiri bato, igihugu cyacu cyabagiriye icyizere, kibaha umukoro ukomeye wo kubaka umurage mwiza tuzasigira abadukomokaho.

Nagira ngo rero uyu mwanya uze kutubera uwo gufata ingamba zihamye zo kuba intangarugero mukubera urugero ubushyo mwaragijwe. Izi nshingano rero ntahandi zitangirira atari mu ngo zacu.

● Iyo urebye usanga imwe mu mpamvu zituma ingo nyinshi zisenyuka nuko bamwe bashyira imbaraga mu gutegura ibirori by'ubukwe kurusha gutegura urugo nyir'izina. Mukwiye kumenya rero ko kubaka urugo ari ingenzi aho gushyira ubushobozi bwose mu kwitegura ubukwe!

● Abarushinga bakwiye kwibaza ibi bikurikira:

- ❖ Ese tugiye kubana kubera urukundo? Cyangwa ni igitutu cy'urungano n' icy'imiryango?
- ❖ Ese tugiye kubana kubera ko mugenzi wanjye atwite?
- ❖ Ese ni impamvu y'ubushobozi mutezeho? Hano dukwiye gushishoza byimazeyo ku mpamvu nyakuri zo kubaka urugo.

Aha rwose ndagira ngo nisabire by'umwihariko Abakiri bato:

Nk'uko tubona izindi mpinduka muzana mu iterambere, muzadufashe no guhindura iyi mitekerereze nk'abantu bakiri bato basobanutse kandi biyemeje kubaka uru Rwanda.

**Bayobozi bato bacu,**

Igihugu cyacu gifite amateka asharira. Ariko mu rugendo rwo kuva ikuzimu tujya i buntu, imfura zababanjirije zaciye karande y'amateka mabi.

Imfura akenshi ni zo zigaragara nk'abayobora inzira mu muryango, zikanyura rimwe na rimwe mu bigoye cyangwa bigaragara nkaho ari bishya ndetse zigashyiraho umurongo akenshi ababakurikira bakurikiza.

Nk'inkingi ikomeye y'ubuyobozi, akenshi ababyeyi baba babitezeho byinshi yaba ibivugwa cg ibitavugwa; ndetse ibikorwa byazo bikagira ingaruka mu muryango wose.

Nk'uko bimeze ku bana b'imfura, namwe mwese mwateraniye hano muri abayobozi bato navuga ko muri icyiciro cya mbere cy'ubuyobozi mu gihugu cyacu (**first generation of young leaders**). Muhura n'imbogamizi ndetse mugira n' uruhare runini kandi rw'ingenzi mu mirimo yanyu itandukanye. Uko mubinyuramo neza ni Intsinzi izakomeza gucana urumuri ruzana impinduka ku gihugu cyacu. **Muri icyitegererezo cy'ibishoboka!**

- Hari abagitekereza ko ibyo twagezeho nk'Abanyarwanda tubikesha gusa ibitangaza by'Imana. Oya, Imana nayo ifasha uwifashije.
- Muragijwe inshingano zo gusigasira ibyo bakuru banyu badutabaye barwaniriye. Mwubakire mukomeze imihigo yo kuba intangarugero mu ngo zanyu, mutibagiwe no mu nshingano zanyu z'akazi! Bityo mukabye inzozi z'abatubanjirije.
- Hari inshingano rero ufite nawe ubwawe, mu byemezo ufata mu rugo rwawe, mu kazi kawe, mu buryo ubana n'uwo mwashakanye, no mu buryo urera abana bawe.
- Uruhare rwawe ni rugari kandi rurihariye! Imana yaduhaye igihugu, iduha indangagaciro, iduha n'ubwenge.
- Tubikoreshe neza, ijuru duharanira tubanze turyubake hano ku isi.
- Ntahandi twatangirira rero atari mu ngo zacu!

**BenImana, BenU Rwanda,**

- Gusesengura neza impinduka z'ibihe, z'imigenzo, n'iz'imico bidufasha kudasigara inyuma mu mitekerereze.

- Hambere, umugabo yahahiraga urugo, akarurinda, akaba umutware mu muryango we. Umugore nawe akita ku rugo, akarera abana, akaba mutima w'urugo.
- Ibihe uko bihinduka, niko n'inshingano z'abashakanye zigenda zihinduka.
- Ni nayo mpamvu ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ari kimwe mu mahitamo twagize nk'igihugu.
- Ese uko ibihe bihinduka, niko natwe twiga ku gisobanuro nyakuri cyo kubana n'inshingano za buri wese?
- Ese umugore wawe wabyaye, usobanukiwe impinduka nyinshi z'umubiri zamutera amarangamutima udasanzwe umuziho?
- Waruzi ko abashakashatsi bagaragaza ko ku mugore utwite kimwe cya gatandatu cy'ubwonko bwe kigirwaho ingaruka muri ayo mezi y'imvune nyinshi? Our brains shrink! Ahubwo se uwareba amajoro arara yonsa, umwana arira, ntihari ingaruka zumvikana zamuhungabanya? Ni iki wakora kugira ngo umubere akabando muri iyo minsi itoroshye?
- Ese umugabo wawe uhangayikiye guteza imbere umuryango umwumva ubishyizeho umutima mukajya inama ukamubera isoko avomamo imbaraga zo guhangana n'ibimurushya?
- Ese mwibuka guca bugufi iyo mwateshutse ku nshingano zanyu mugasabana imbabazi, umwe akabwira undi ko mutari mugambiriye kubabazanya?

Bigaragara ko bamwe bagereranya ubuzima bwabo n'ibyo bareba mu mashusho **(screens).**

Ubu nta gice cy'umubiri kitagurwa! Nyabuneka tuzirinde ko ibishashagirana cyangwa ibiterano **[Fake, Illusion]** byazasimbura ibyo dufite biramba, nk'indangagaciro zacu!

Tuzirinde iteka ko irari rigoreka ukuri, rigasenya icyizere cyagakwiye kuranga abashakanye.

**Bana bacu, Bayobozi beza**!

Uko abatubanjirije babayeho, siko turiho, siko n'abazadukomokaho bazabaho.

Bityo rero, umukoro nabaha ni uwo kudashira amatsiko yo kumenya mugenzi wawe.

- Ibi ndabibabwira nk'umubyeyi, ariko ni mwebwe muzi icyo ingo zanyu zikeneye kugira ngo zibabere rya juru rito navuze. Ikibi nukunangira umutima, tukanga impinduka.
- Hari ubwo tutumva uburemere bw'icyemezo cyo kubana n'undi. Isezerano ryo kubana ni ugutura Imana umwe wese uko yabyirutse, imico yigishijwe, n'amahame amugenga, ukemera kwiha mugenzi wawe, mukaba umwe. Ababaye umwe rero ntibahemukirana.
- Bisaba kwigomwa **(sacrifice**) no kwirenga kugira ngo koko abashakanye bunge ubumwe. Icyo nicyo gitambo nyakuri cyo kubaka urugo. Guhuza imitima, guhuza imiryango.

- Urukundo rurangwa n’ubwitange, kwihangana no kubahana, nirwo rutera umundedezo usesuye mu ngo.

Uwo munezero nicyo kibatsi nyakuri n'igicaniro cy' urukundo dusangiza abana bacu, nabo bakazabihererekanya uko ibisekuruza bisimburana.

**BenImana kandi BenURwanda,**

- Birakwiye kongera gushyira imbaraga muri gahunda yo gutegura abifuza gushinga urugo.
- Ababyeyi n’imiryango nabo bagomba kugira uruhare mu gushyigikira no kuba hafi y’abana babo. Hato tutazasanga twaratezutse ku nshingano zacu zo kurerera igihugu no kwita ku murage w’umuryango.
- Burya ubusitani butoshye tubona, buturuka ku Isoôoko y'amazi ibwuhira n'aho bwuhirirwa!
- Ubona  u Rwanda rwacu rutoshye, rutekanye kandi ruteye imbere, ukabona n'Abanyarwanda basobanutse; ni ukubera ko umuryango ubabyara, ukabarera wunze ubumwe, kandi ukabonsa u Rwanda n'indagagaciro zituranga.

**PAUSE**

**To conclude, I am compelled to speak to Parents,**

- What you give your children isn’t just words, **it’s you.**

It's your life, your example, your footsteps.

They walk where you have walked.

They echo all you have lived and shared.

This is your most precious legacy.

● So yes, give them education.

But more than that, wrap it in wisdom,

Guide it with patience,

Let it grow from love,

And nurture it daily with the example only you can give.

- **To the Rwanda Leaders Fellowship,** we thank you for reminding us that the health of our families is the health of our nation. Your work nurtures seeds that will grow into generations of stability, faith, and unity.
- Let us continue to build homes that are whole, so that Rwanda will be whole. Let us pass down to our children the heritage of love and sacrifice, for in that heritage, lies the accomplishment of a future we are ALL determined to attain.
- Thank you for your kind attention, and God Bless your families.